

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 031/01 RYO KU WA 06/05/2022 RIGENGA IKIGO CY'U RWANDA GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 031/01 OF 06/05/2022 GOVERNING RWANDA METEOROLOGY AGENCY</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 031/01 DU 06/05/2022 RÉGISSANT L'AGENCE RWANDAISE DE LA MÉTÉOROLOGIE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p>	<p><u>Article 2: Définitions</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Icyiciro</u></p>	<p><u>Article 3: Category</u></p>	<p><u>Article 3: Catégorie</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Urwego rureberera METEO RWANDA</u></p>	<p><u>Article 4: Supervising authority of METEO RWANDA</u></p>	<p><u>Article 4: Autorité de tutelle de METEO RWANDA</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Icyicaró</u></p>	<p><u>Article 5: Head office</u></p>	<p><u>Article 5: Siège</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Intego</u></p>	<p><u>Article 6: Mission</u></p>	<p><u>Article 6: Mission</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Inshingano</u></p>	<p><u>Article 7: Responsibilities</u></p>	<p><u>Article 7: Attributions</u></p>
<p><u>Ingingo ya 8: Ububasha</u></p>	<p><u>Article 8: Powers</u></p>	<p><u>Article 8: Pouvoirs</u></p>

<u>UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE</u>	<u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING</u>	<u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u>
<u>Ingingo ya 9:</u> Inzego z'ubuyobozi	<u>Article 9:</u> Management organs	<u>Article 9:</u> Organes de direction
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi	<u>Section One:</u> Board of Directors	<u>Section première:</u> Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 10:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo	<u>Article 10:</u> Composition of the Board of Directors and term of office	<u>Article 10:</u> Composition du Conseil d'Administration et mandat
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Additional responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Attributions additionnelles du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Powers of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 14:</u> Duties of the Vice-Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 14:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 15:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava mu mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 15:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 15:</u> Motifs de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 16:</u> Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangira manda	<u>Article 16:</u> Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire	<u>Article 16:</u> Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer

<p><u>Ingingo ya 17:</u> Itumizwa n’iterana by’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’ifatwa ry’ibyemezo</p>	<p><u>Article 17:</u> Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making</p>	<p><u>Article 17:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration et modalités de prise de décisions</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Itumira ry’undi muntu mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ushobora kuyungura ibitekerezo</p>	<p><u>Article 18:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors</p>	<p><u>Article 18:</u> Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo n’iry’inyandikomvugo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi</p>	<p><u>Article 19:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors</p>	<p><u>Article 19:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi</p>	<p><u>Article 20:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors</p>	<p><u>Article 20:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d’Administration</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa</p>	<p><u>Article 21:</u> Personal interest in issues on the agenda</p>	<p><u>Article 21:</u> Intérêt personnel dans les points à l’ordre du jour</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa</p>	<p><u>Section 2:</u> Executive Organ</p>	<p><u>Section 2:</u> Organe Exécutif</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa</p>	<p><u>Article 22:</u> Composition of the Executive Organ</p>	<p><u>Article 22:</u> Composition de l’Organe Exécutif</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano z’inyongera z’Urwego Nshingwabikorwa</p>	<p><u>Article 23:</u> Additional responsibilities of the Executive Organ</p>	<p><u>Article 23:</u> Attributions additionnelles de l’Organe Exécutif</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Ububasha n’inshingano by’Umuyobozi Mukuru</p>	<p><u>Article 24:</u> Powers and duties of the Director General</p>	<p><u>Article 24:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général</p>

<p><u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u></p> <p><u>Ingingo ya 25:</u> Umutungo n'inkomoko yawo</p> <p><u>Ingingo ya 26:</u> Ingingo y'imari</p> <p><u>Ingingo ya 27:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari</p>	<p><u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u></p> <p><u>Article 25:</u> Property and its sources</p> <p><u>Article 26:</u> Budget</p> <p><u>Article 27:</u> Annual financial report</p>	<p><u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES</u></p> <p><u>Article 25:</u> Patrimoine et ses sources</p> <p><u>Article 26:</u> Budget</p> <p><u>Article 27:</u> Rapport annuel des états financiers</p>
<p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 28:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 29:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 28:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p><u>Article 29:</u> Commencement</p>	<p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 28:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p> <p><u>Article 29:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° 031/01 RYO KU WA 06/05/2022 RIGENGA IKIGO CY’U RWANDA GISHINZWE UBUMENYI BW’IKIRERE</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repbulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122, iya 139 n’iya 176;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2020.OL ryo ku wa 08/06/2020 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo;</p> <p>Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa 13/10/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>TWATEGETSE DUTEGETSE:</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N° 031/01 OF 06/05/2022 GOVERNING RWANDA METEOROLOGY AGENCY</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122, 139 and 176;</p> <p>Pursuant to Organic Law n° 001/2020.OL of 08/06/2020 establishing general provisions governing public institutions, especially in Article 4;</p> <p>On proposal by the Minister of Public Service and Labour;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 13/10/2021;</p> <p>HAVE ORDERED AND ORDER:</p>	<p>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 031/01 DU 06/05/2022 RÉGISSANT L’AGENCE RWANDAISE DE LA MÉTÉOROLOGIE</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122, 139 et 176;</p> <p>Vu la Loi Organique n° 001/2020.OL du 08/06/2020 portant dispositions générales régissant les établissements publics, spécialement en son article 4;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/10/2021;</p> <p>AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:</p>
--	---	--

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Order</u>	<u>Article premier: Objet du présent arrêté</u>
Iri teka rigena intego, inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere, cyitwa "METEO RWANDA" mu ngingo zikurikira mu magambo ahinnye y'Icyongereza.	This Order determines mission, responsibilities, organisation and functioning of Rwanda Meteorology Agency, hereinafter abbreviated as "METEO RWANDA".	Le présent arrêté détermine la mission, les attributions, l'organisation et le fonctionnement de l'Agence Rwandaise de la Météorologie, ci-après dénommée "METEO RWANDA" en sigle anglais
<u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 2: Definitions</u>	<u>Article 2: Définitions</u>
Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this Order, the following terms have the following meanings:	Dans le présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:
1° ubumenyi bw'ikirere: ubumenyi bwita ku miterere n'imihindagurikire y'ikirere n'isano iri hagati y'imihindagurikire y'ikirere n'ubutaka, inyanja n'ibice by'isi biriho amazi yahindutse urubura;	1° meteorology: science dealing with the phenomena of the atmosphere and its interaction with the land, oceans and the cryosphere;	1° météorologie: science des phénomènes de l'atmosphère et son interaction avec la terre, les océans et cryosphère;
2° ihinduka ry'ikirere: uko ikirere giteye muri uwo mwanya bigaragazwa n'ibinyagihe;	2° weather: state of the atmosphere at a particular time, as defined by meteorological elements;	2° temps qu'il fait: état de l'atmosphère à un moment donné, défini par les éléments météorologiques;
3° imiterere y'ibihe: impuzandengo y'ihinduka ry'ikirere risobanurwa n'ibarurishamibare ry'igihe kirekire	3° climate: average weather defined by long-term statistics of the meteorological elements such as	3° climat: temps moyenne qu'il fait définie par des statistiques à long terme des éléments météorologiques

<p>ry'ibinyagihe nk'ubushyuhe, imvura cyangwa umuyaga by'ahantu runaka;</p> <p>4° ihinduka ry'ibihe: impinduka zikomeye mu bipimo by'agaciro k'impuzandengo y'ibinyagihe mu gihe cy'imyaka mirongo itatu (30) cyangwa irenga;</p> <p>5° ibinyagihe: ibihe by'ikirere binyuranye biterwa n'ihinduka ry'ubushyuhe, ubutsikamire bw'umwuka, ubuhehere bw'umwuka, imvura, ibicu, umuvuduko w'umuyaga n'icyerekezo cyawo n'ibindi byo mu rwego rwabyo;</p> <p>6° ibipimo by'ibinyagihe: ikintu cyangwa agaciro kapimwe ku byerekeranye n'imiterere y'ikirere byagaragajwe hifashishijwe ibinyagihe cyangwa ibihinduka;</p> <p>7° umuyoboro w'itumanaho: uburyo bw'itumanaho ubwo ari bwo bwose bufasha gukusanya, guhererekanya, guhanahana mu buryo bwihuse ibipimo n'amakuru yatunganyijwe ku mihindagurikire y'ikirere mu Gihugu, mu karere no mu rwego mpuzamahanga hakurikijwe</p>	<p>temperature, precipitation or wind in a given area;</p> <p>4° climate change: significant changes in the average values of the meteorological elements over a period of thirty (30) years or more;</p> <p>5° meteorological elements: atmospheric conditions in terms of change of temperature, pressure, humidity, precipitation, cloud, wind speed and direction among other atmospheric phenomena;</p> <p>6° meteorological data: a fact or value measured about the state of the atmosphere expressed in terms of meteorological elements or variables;</p> <p>7° telecommunication system: any dedicated communication facility for rapid collection, exchange and distribution of weather observations and processed information at local, national, regional and international scale</p>	<p>tels que la température, les précipitations ou le vent dans une zone donnée;</p> <p>4° changement climatique: changement significatif des valeurs moyennes des éléments météorologiques au cours d'une période de trente (30) ans ou plus;</p> <p>5° éléments météorologiques: les conditions atmosphériques en termes de changement de température, de pression, de l'humidité, des précipitations, de nuage, de vitesse et de direction du vent, entre autres phénomènes atmosphériques;</p> <p>6° données météorologiques: un fait ou la valeur mesurée sur l'état de l'atmosphère exprimée en termes des éléments météorologiques ou de variables;</p> <p>7° système de télécommunication: tout moyen de communication qui facilite la collection rapide, échange et diffusion des données météorologiques et de l'information procédée de la prévision du temps à l'échelle locale, nationale, régionale</p>
--	--	--

<p>amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubumenyi bw'Ikirere;</p> <p>8° serivisi z'ubumenyi bw'ikirere: serivisi z'ibipimo by'ibinyagihe nk'iteganyagihe, gutanga amakuru aburira, gutanga inama no kuburira, gutanga amakuru y'igihe kirekire y'ikirere n'ayerekeranye n'ibidukikije, gutanga inyigisho n'amahugurwa mu bumenyi bw'ikirere n'ubundi bumenyi bujyanye na byo ku bufatanye n'ibigo by'amashuri makuru n'uburyo bwo kubikwirakwiza.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Icyiciro</u></p> <p>METEO RWANDA iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Urwego rureberera METEO RWANDA</u></p> <p>METEO RWANDA irebererwa na Minisiteri ifite ubumenyi bw'ikirere mu nshingano.</p>	<p>within the guideline of the World Meteorological Organization;</p> <p>8° meteorological services: meteorological data services such as weather forecasts, issuance of alerts, advisories and warnings, provision of climatological and related environmental information, provision of education and training in meteorology and related sciences in partnership with institutions of higher learning and dissemination systems.</p> <p><u>Article 3: Category</u></p> <p>METEO RWANDA falls within the category of non-commercial public institutions.</p> <p><u>Article 4: Supervising authority of METEO RWANDA</u></p> <p>METEO RWANDA is under supervision of the Ministry in charge of meteorology.</p>	<p>et internationale selon la ligne directive de l'Organisation Mondiale de la Météorologie;</p> <p>8 ° services météorologique: services de données météorologiques tels que les prévisions météorologiques, émission des alertes, les avis et les avertissements; la fourniture d'informations climatologiques et environnementales connexes, la fourniture d'un enseignement et d'une formation en météorologie et en sciences connexes en partenariat avec des établissements d'enseignement supérieur et des systèmes de diffusion.</p> <p><u>Article 3: Catégorie</u></p> <p>METEO RWANDA rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non-commercial.</p> <p><u>Article 4: Autorité de tutelle de METEO RWANDA</u></p> <p>METEO RWANDA est placé sous la tutelle du Ministère ayant la météorologie dans ses attributions.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 5: icyicaro</u></p> <p>Icyicaro cya METEO RWANDA kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda igihe bibaye ngombwa, byemejwe n’Inama y’Abaminisitiri.</p> <p>METEO RWANDA ishobora kugira amashami ahandi mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe na Minisitari ifite ubumenyi bw’ikirere mu nshingano.</p>	<p><u>Article 5: Head office</u></p> <p>The head office of METEO RWANDA is located in the City of Kigali. It may be relocated elsewhere on the territory of Rwanda if considered necessary, upon approval by the Cabinet meeting.</p> <p>METEO RWANDA may have branches elsewhere in the country if considered necessary in order to fulfil its responsibilities, upon approval by the Ministry in charge of meteorology.</p>	<p><u>Article 5: Siège</u></p> <p>Le siège de METEO RWANDA est établi dans la Ville de Kigali. Il peut, en cas de besoin, être transféré à un autre lieu du territoire du Rwanda, sur approbation du Conseil des Ministres.</p> <p>METEO RWANDA peut avoir des branches en tout autre lieu du territoire national, en cas de besoin, pour accomplir ses attributions, sur approbation du Ministère ayant la météorologie dans ses attributions.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N’UBUBASHA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Intego</u></p> <p>Intego ya METEO RWANDA ni ugutanga amakuru yizewe y’ihinduka ry’ikirere n’imiterere y’ibihe mu gihe nyacyo hagamijwe guteza imbere ubukungu n’imibereho myiza y’abaturage.</p>	<p><u>Article 6: Mission</u></p> <p>The mission of METEO RWANDA is to provide accurate weather and climate information on time for the socio-economic development and well-being of the population.</p>	<p><u>Article 6: Mission</u></p> <p>La mission de METEO RWANDA est de fournir des informations exactes sur le temps qu’il fait et sur le climat, en temps réel, pour le développement socio-économique et le bien-être du peuple.</p>
<p><u>Ingingo ya 7: Inshingano</u></p> <p>METEO RWANDA ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutanga amakuru ajyanye n’ubumenyi bw’ikirere n’isano</p>	<p><u>Article 7: Responsibilities</u></p> <p>METEO RWANDA has the following responsibilities:</p> <p>1° to provide hydro-meteorological information such as weather</p>	<p><u>Article 7: Attributions</u></p> <p>METEO RWANDA a les attributions suivantes:</p> <p>1° fournir des informations hydrométéorologiques telles que des</p>

<p>bifitanye no kwirema kw'amazi nk'iteganyagihe, ibipimo by'imiterere y'ibihe, imihindagurikire y'ibihe, ubusesenguzi, ubusesenguzi busubiwemo, imiterere y'ibihe iteganyijwe, iteganyagihe mpuruza riburira, ubujyanama n'andi makuru ya ngombwa ajyanye n'ubumenyi bw'ikirere na serivisi bifitanye isano hagamijwe inyungu y'inzego zose z'iterambere ry'imibereho n'ubukungu;</p> <p>2° kwereka no gufasha ibigo bya Leta, ibyigenga n'abantu ku giti cyabo imikoreshereze y'amakuru y'ihinduka ry'ikirere n'imiterere y'ibihe mu bikorwa by'ishoramari byabo by'igihe gito cyangwa kirekire mu rwego rwo kongera umusaruro no kuwubungabunga;</p> <p>3° gutanga serivisi n'amakuru by'ubumenyi bw'ikirere mu bwikorezi bwo mu kirere binyujijwe muri serivisi z'ingendo zo mu kirere;</p> <p>4° gushyiraho no kubungabunga ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibipimo by'ibinyagihe n'umuyoboro w'itumanaho hagamijwe gutanga</p>	<p>forecasts, climate data, analysis, reanalysis, climate projections, early warnings of extreme weather events, advisories and any relevant meteorological information and related service for the benefit of all socio-economic development sectors;</p> <p>2° to guide and assist public, private entities and individuals to integrate weather and climate information into their short and long-term investments for their productivity and sustainability;</p> <p>3° to provide aeronautical meteorological services and information through air navigation services;</p> <p>4° to establish and maintain the national meteorological data center and telecommunication system for the provision and rapid</p>	<p>prévisions météorologiques, des données climatiques, des analyses, des réanalyses, des projections climatiques, des alertes précoces d'événements météorologiques extrêmes, des avis et toute information météorologique pertinente et service associé au profit de tous les secteurs de développement socio-économique;</p> <p>2° guider et aider les entités publiques, les entités privées et les individus à intégrer les informations de temps qu'il fait et du climat dans leurs investissements à court et à long terme pour leur productivité et leur pérennité ;</p> <p>3° fournir des services et des informations météorologiques aéronautiques par le biais des services de navigation aérienne;</p> <p>4° établir et maintenir le centre national de données météorologiques et le système de télécommunication pour la fourniture et l'échange rapide</p>
---	--	--

<p>no guhanahana amakuru y'ihinduka ry'ikirere n'ay'ibipimo by'imiterere y'igihe mu buryo bwihuse nk'uko bitegenywa n'imirongo ngenderwaho y'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubumenyi bw'Ikirere (WMO), iy'Umuryango Mpuzamahanga w'Indege za Gisivile (ICAO), iy'Ikipe y'Impuguke mu Ihinduka ry'Ibihe (IPCC) n'indi miryango mpuzamahanga n'iyi mu karere ikora mu bijyanye n'ubumenyi bw'ikirere;</p>	<p>exchange of weather and climate data information in accordance with guidelines provided by the World Meteorological Organization (WMO), the International Civil Aviation Organization (ICAO), the Intergovernmental Panel on Climate Change (IPCC) and other international and regional bodies working in meteorology;</p>	<p>d'information du temps qu'il fait et des données du climat conformément aux lignes directrices fournies par l'Organisation Météorologique Mondiale (OMM), l'Organisation de l'Aviation Civile Internationale (OACI), le Groupe d'Experts Intergouvernemental sur l'Évolution du Climat (GIEC) et d'autres organismes internationaux et régionaux œuvrant dans le domaine de la météorologie;</p>
<p>5° gushyiraho ubupimiro bw'ibinyagihe no kugenzura iteganyagihe ku butaka cyangwa mu kirere, ubuziranenge ngenderwaho bwabyo n'uburyo bw'isesengura n'itangazwa by'imiterere y'igihe kirere y'ikirere cy'u Rwanda;</p>	<p>5° to set up meteorological stations and regulate the surface or upper air meteorological observations, standardization of national meteorological data and information and the publication of climatological statistics and studies in Rwanda;</p>	<p>5° mettre en place les stations météorologiques et régler les observations météorologiques de surface ou d'altitude, la normalisation des données et des informations météorologiques nationales et la publication de statistiques et d'études climatologiques au Rwanda;</p>
<p>6° gukora no gushyigikira ubushakashatsi n'amahugurwa mu rwego rwo gushyigikira ubumenyi bw'ihinduka ry'ikirere, imiterere y'ibihe n'ihinduka ry'ibihe kandi aho bibaye ngombwa bigakorwa mu byiciro bifitanye isano no gufasha guhuza ibikorwa ku rwego</p>	<p>6° to conduct and support research and training in support of weather, climate and climate change science and as appropriate in related fields, and to assist in coordinating the international aspects of such research and trainings;</p>	<p>6° mener et soutenir la recherche et la formation à l'appui de la science du temps qu'il fait, du climat et du changement climatique et, le cas échéant, dans des domaines connexes, et aider à coordonner les aspects internationaux de ces recherches et formations;</p>

<p>mpuzamahanga mu bijyanye n'ubwo bushakashatsi n'amahugurwa;</p> <p>7° kwita ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yemejwe burundu n'u Rwanda arebana n'ubumenyi bw'ikirere, serivisi y'imiterere y'ibihe no kugira inama Igihugu ku bintu ibyo ari byo byose birebana n'ihinduka ry'ikirere n'imiterere y'ibihe.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ububasha</u></p> <p>METEO RWANDA ifite ububasha bukurikira:</p> <p>1° gushyiraho no gutangaza imirongo ngenderwaho n'ibisabwa kugira ngo ishyire mu bikorwa inshingano zayo;</p> <p>2° guhuza no gutanga umuyoboro ngenderwaho mu bikorwa byose bijyanye n'ihinduka ry'ikirere, ibipimo by'imiterere y'igihe, imihindagurikire y'ibihe n'ihinduka ry'ibihe;</p> <p>3° kwemeza ubusabe burebana no gutumiza mu mahanga ubupimiro bw'ibinyagihe n'ibikoresho byo</p>	<p>7° to ensure implementation of international agreements that are ratified by Rwanda relating to meteorology, climate services and advise the Government on all weather and climate related matters.</p> <p><u>Article 8: Powers</u></p> <p>METEO RWANDA has the following powers:</p> <p>1° to set up and disseminate guidelines and requirements pertaining to the implementation of its responsibilities;</p> <p>2° to coordinate and provide guidance on all initiatives relating to weather, climate data, variability and climate change;</p> <p>3° to approve requests related to the import, installation and set-up of meteorological stations and</p>	<p>7° assurer la mise en œuvre des accords internationaux ratifiés par le Rwanda relatifs à la météorologie, les services climatologiques et conseiller le Gouvernement sur toutes les questions liées au temps qu'il fait et au climat.</p> <p><u>Article 8: Pouvoirs</u></p> <p>METEO RWANDA dispose des pouvoirs suivants:</p> <p>1° mettre en place et diffuser des lignes directrices et des exigences relatives à la mise en œuvre de ses attributions;</p> <p>2° coordonner et fournir des orientations sur toutes les initiatives relatives au temps qu'il fait, aux données climatiques, à la variabilité et au changement climatique;</p> <p>3° approuver les demandes relatives à l'importation, à l'installation et à la mise en place de stations</p>
--	--	---

<p>gupima ikirere mu Rwanda no kubishyira aho bigomba kuba;</p> <p>4° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsu hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>5° gusura nta nteguza abantu bafite ubupimiro bw'ibinyagihe mu rwego rwo kugenzura ko bubahiriza ibisabwa, guhagarika cyangwa gukuraho ubupimiro mu gihe nyirabwo atubahiriza ibisabwa;</p> <p>6° kugena no gushyiraho ikiguzi ku bipimo na serivisi yatanze cyangwa byatanzwe mu izina ryayo.</p>	<p>atmospheric measuring equipment in Rwanda;</p> <p>4° to impose administrative fines in accordance with relevant laws;</p> <p>5° to visit, without any notice, the holders of meteorological stations in the framework of inspection and compliance with the requirements and to suspend or remove a station in case its holder does not respect the requirements;</p> <p>6° to determine and charge fees for data and services that it rendered or rendered on its behalf.</p>	<p>météorologiques et d'équipements de mesure atmosphérique au Rwanda;</p> <p>4° imposer les amendes administratives conformément aux lois en la matière;</p> <p>5° visiter, sans prévenir, les titulaires de stations météorologiques dans le cadre de l'inspection et du respect des exigences et suspendre ou supprimer une station au cas où son titulaire ne respecte pas les conditions requises;</p> <p>6° déterminer et facturer des frais pour les données et les services qu'il a rendu ou rendus en son nom.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE</u></p> <p><u>Ingingo ya 9: Inzego z'ubuyobozi</u></p> <p>Inzego z'ubuyobozi za METEO RWANDA ni izi zikurikira:</p> <p>1° Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>2° Urwego Nshingwabikorwa.</p>	<p><u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING</u></p> <p><u>Article 9: Management organs</u></p> <p>The management organs of METEO RWANDA are the following:</p> <p>1° the Board of Directors;</p> <p>2° the Executive Organ.</p>	<p><u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u></p> <p><u>Article 9: Organes de direction</u></p> <p>Les organes de direction de METEO RWANDA sont les suivants:</p> <p>1° le Conseil d'Administration;</p> <p>2° l'Organe Exécutif.</p>

<u>Icyiciro cya mbere: Inama y’Ubuyobozi</u>	<u>Section One: Board of Directors</u>	<u>Section première: Conseil d’Administration</u>
<p><u>Ingingo ya 10: Abagize Inama y’Ubuyobozi na manda yabo</u></p>	<p><u>Article 10: Composition of the Board of Directors and term of office</u></p>	<p><u>Article 10: Composition du Conseil d’Administration et mandat</u></p>
<p>Inama y’Ubuyobozi ya METEO RWANDA igizwe n’abantu barindwi (7).</p>	<p>The Board of Directors of METEO RWANDA is composed of seven (7) members.</p>	<p>Le Conseil d’Administration de METEO RWANDA est composé de sept (7) membres.</p>
<p>Abagize Inama y’Ubuyobozi bagira manda y’imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe.</p>	<p>Members of the Board of Directors serve a term of office of five (5) years renewable once.</p>	<p>Les membres du Conseil d’Administration ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable une fois.</p>
<p><u>Ingingo ya 11: Inshingano z’inyongera z’Inama y’Ubuyobozi</u></p>	<p><u>Article 11: Additional responsibilities of the Board of Directors</u></p>	<p><u>Article 11: Attributions additionnelles du Conseil d’Administration</u></p>
<p>Haseguriwe ibiteganywa n’Itegeko Ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Inama y’Ubuyobozi ya METEO RWANDA ifite inshingano z’inyongera zikurikira:</p>	<p>Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of METEO RWANDA has the following additional responsibilities:</p>	<p>Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d’Administration de METEO RWANDA a les attributions additionnelles suivantes:</p>
<p>1° kwemeza imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya METEO RWANDA no gukurikirana ishysterwa mu bikorwa ry’ingengo y’imari;</p>	<p>1° to approve the draft budget proposal of METEO RWANDA and make a follow-up on the budget execution;</p>	<p>1° approuver l’avant-projet du budget de METEO RWANDA et assurer le suivi de l’exécution du budget;</p>
<p>2° gutanga raporo y’ibikorwa bya buri gihembwe n’iy’umwaka kuri</p>	<p>2° to submit a quarterly and annual reports to the Ministry in charge of meteorology;</p>	<p>2° soumettre les rapports d’activités trimestriel et annuel au Ministère</p>

<p>Minisiteri ifite ubumenyi bw'ikirere mu nshingano;</p> <p>3° gufata icyemezo ku kindi kibazo cyose kiri mu nshingano za METEO RWANDA.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi</u></p> <p>Inama y'Ubuyobozi ya METEO RWANDA ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya METEO RWANDA hakurikijwe amategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi</u></p> <p>Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya METEO RWANDA afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° guhuza ibikorwa by'Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;</p>	<p>3° to decide on any other matter falling within the responsibilities of METEO RWANDA.</p> <p><u>Article 12: Powers of the Board of Directors</u></p> <p>The Board of Directors of METEO RWANDA is the supreme management and decision-making organ. It is invested with extensive powers to make decisions regarding administration, human resources and the property of METEO RWANDA in accordance with laws.</p> <p><u>Article 13: Duties of the Chairperson of the Board of Directors</u></p> <p>The Chairperson of the Board of Directors of METEO RWANDA has the following duties:</p> <p>1° to coordinate activities of the Board of Directors;</p> <p>2° to convene and preside over meetings of the Board of Directors;</p>	<p>ayant la météorologie dans ses attributions;</p> <p>3° décider de toute autre matière relevant des attributions de METEO RWANDA.</p> <p><u>Article 12: Pouvoirs du Conseil d'Administration</u></p> <p>Le Conseil d'Administration de METEO RWANDA est l'organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi des pouvoirs les plus étendus en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine de METEO RWANDA conformément aux lois.</p> <p><u>Article 13: Attributions du Président du Conseil d'Administration</u></p> <p>Le Président du Conseil d'Administration de METEO RWANDA a les attributions suivantes:</p> <p>1° coordonner les activités du Conseil d'Administration;</p> <p>2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;</p>
---	--	---

